# INVEST IN RWANDA

# Serivisi zitangirwa ahantu hamwe (One Stop Centre) muri RDB

## Imitangire ya serivisi

RDB | RWANDA DEVELOPMENT BOARD



# Ishakiro


Serivisi zitangirwa ahantu hamwe (One Stop Centre) muri RDB 4

Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Iterambere (RDB) 5

Urwego rw'Isoko ry'Imari n'Imigabane (CMA) 7

Umujyi wa Kigali n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere imiturire 9

Urwego rw'Iguhugu rushinzwe Abinjira n'Abasohoka (DGIE) 11

Inama y'Igihugu y'Amashuri Makuru (HEC) 12

Minisiteri y'Ubuzima (MOH) 13

Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM) 14

Ikigo cy'igihugu gishinzwe guteza imbere ibyoherezwa mu mahanga bikomoka ku buhinzi n'ubworozi (NAEB) 15

Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) 16

Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubutaka (NLA) 18

Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe iby'Indege za Gisivile (RCAA) 20

Ikigo cyo kumenyekanisha serivisi z'imari zo mu Rwanda (RFL) 22

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura ubuziranenge bw'ibiribwa n'imiti (Rwanda FDA) 23

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe amashyamba (RFA) 26

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubugenzuzi bw'Ubuziranenge, Ihiganwa mu bucuruzi no kurengera Umuguzi (RICA) 27

Ikigo cy'igihugu gishinzwe Mine, Peteroli na Gazi (RMB) 30

Polisi y'u Rwanda (RNP) 32

Ikigo cy'igihugu gishinzwe imisoro n'amahoro (RRA) 33

Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RSB) 34

Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro (RURA) 35

Urwego rushinzwe Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda (RWB) 38

Serivisi zitangirwa ahantu hamwe muri RDB zemewe ku rwego mpuzamahanga (ISO) 39



# Urwego rw’Igihugu Rushinzwe Iterambere (RDB)(One Stop Centre)

Serivisi zitangirwa ahantu hamwe (One Stop Centre) mu Rwego rw’Igihugu rushinzwe Iterambere (RDB) ni uburyo bufasha abashoramari baba ab’imbere mu gihugu ndetse n’abaturuka hanze bifuza gutangira gukorera mu Rwanda guhita babona serivisi bakeneye kandi bakazibonera ahantu hamwe.

Gahunda yo gutangira ahantu hamwe serivisi (OSC/Impine iri bukoreshwe muri iyi nyandiko) mu Rwego rw’Igihugu rushinzwe Iterambere (RDB) yatangiye mu mwaka wa 2008 ariko yaguka mu mwaka wa 2023, hagamijwe koroshya gushyiraho no gutangira ibikorwa by’ubucuruzi. OSC yorohereza abacuruzi gukora ibikorwa byabo, igatuma abashoramari bashobora gusaba impushya zagenwe, gukurikirana aho ubusabe bwabo bugeze ndetse no kuzifata ndetse bikanaborohereza kubona ibyangombwa byose bikenerwa kugira ngo bemererwe gukorera ibikorwa by’ubucuruzi mu Rwanda.

Niba wifuza gushora imari mu Rwanda, ukaba ukeneye ubufasha ku bijyanye no kuhakorera ubucuruzi ndetse no kumenya ibisabwa byose, sura ahatangiririrwa rimwe serivisi zose (OSC) muri RDB.

## Ese serivisi za One Stop Centre (OSC) zigenewe bande?

OSC yiteguye kwakira abantu bose n’ibigo by’ubucuruzi byose:

- Bafite amatsiko yo gukorera ubucuruzi mu Rwanda cyangwa kuhashora imari kandi bakaba bakeneye amakuru (CYANGWA “umuntu ku giti cye cyangwa ikigo cy’ubucuruzi bagamije gushora imari mu Rwanda”);
- Abasanzwe bakorera ibikorwa by’ubucuruzi cyangwa by’ishoramari mu Rwanda (CYANGWA ibikorwa b’ubucuruzi/ishoramari basanzwe bikorera mu Rwanda);
- Umushoramari wandikishije ibikorwa bye akaba abifitiye uruhushya/icyemezo;
- Ikigo kifuza gusaba uruhushya/icyemezo/kwemererwa rwo gukora ibikorwa by’ubucuruzi;
- Ikigo kifuza kwandikisha ibikorwa byabo by’ubucuruzi;
- Umuntu ku giti cye cyangwa ikigo cy’ubucuruzi gikeneye ubufasha, inyunganizi n’amakuru mu by’ishoramari cyangwa izindi serivisi zihariye zigenerwa abashoramari.

Niba wifuza gusaba serivisi zitangwa na OSC, wasura urubuga rwa RDB ahanditse serivisi zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga unyuze kuri www.rdb.rw/e-services/

# Serivisi zitangirwa ahantu hamwe (One Stop Centre) muri RDB

Rwanda Development Board

Capital Market Authority

City of Kigali

Directorate General of Immigration and Emigration

Higher Education Council

Ministry of Health

Ministry of Trade and Industry

National Agricultural Export Development Board

National Bank of Rwanda

National Lands Authority

Rwanda Civil Aviation Authority

Rwanda Finance Limited

Rwanda Food and Drugs Authority

Rwanda Forestry Authority

Rwanda Housing Authority

Rwanda Inspectorate, Competition and Consumer Protection Authority

Rwanda Mines, Petroleum and Gas Board

Rwanda National Police

Rwanda Revenue Authority

Rwanda Standards Board

Rwanda Utilities Regulatory Authority

Rwanda Water Resource Board

Urwego rw'Igiguhu Rushinzwe Iterambere (RDB) rwashinzwe mu mwaka wa 2008 kandi rugengwa n'itegeko no 06/2017 ryo ku wa 14/04/2017. RDB ifite inshingano zo kwihutisha iterambere ry'ubukungu no guteza imbere urwego rw'abikorera. Ibi bigerwaho binyuze mu kureshya no korohereza ishoramari, guteza imbere ubukerarugendo no kubungabunga ibidukikije, guteza imbere ibikorerwa mu Rwanda byoherezwa mu mahanga no kongera ubumenyi.
Serivisi n'impushya/ibyangombwa/ibyemezo bitangwa n'uru rwego harimo ibitangwa n'Umwanditsi Mukuru, Ishami rishinzwe ubukerarugendo, Ishami rishinzwe ibyanya by'ubucuruzi ndetse n'ibitangwa n'Ishami rishinzwe kwandika abashoramari. RDB kandi itanga uruhushya rwo gushora imari, uru rukaba rufasha abashoramari guhambwa inyunganizi zitandukanye ziteganywa mu itegeko rigenga ishoramari ryo mu mwaka wa 2021 ndetse n'izindi gahunda zirimo nka gahunda ya Tunganya, Ubaka ugamije Kuzahuka (Manufacture and Build to Recover Program). Turagukangurira kwandikisha ibikorwa byawe by'ishoramari kugira ngo ushobore kuryoherwa n'ibi byiza.

## Serivisi zitangwa n'uru rwego:

| | |
|---|---|
| Serivisi za Noteri wa Leta | Zitangwa ako kanya |
| Serivisi zo kwandikisha ubucuruzi | Icyemezo gitangwa mu masaha 6 |
| Serivisi zijyanye no kwandika ingwate/ Icyemezo cyo kwandikisha ingwate n'izindi serivisi zijyanye n'ingwate zirimo nk'icyemezo cyo gutunga, uruhushya rwo kugurisha ndetse n'izindi | Bitangwa mu masaha 24 |
| Uruhushya rwo gukora ishoramari | Rutangwa mu masaha 24 |
| Uruhushya rwo rwo gukorera mu Byanya byahariwe ubucuruzi | Rutangwa mu masaha 24 |
| Icyemezo cyo kutangiza ibidukikije | Gitangwa mu minsi 15 |
| Uruhushya rwo kubaka mu Cyanya cyahariwe ubucuruzi | Rutangwa hagati y'iminsi 10 na 15 |
| Uruhushya rwo kubona aho gukorera mu cyanya cyahariwe ubucuruzi | Rutangwa hagati y'iminsi 10 na 15 |
| Uruhushya rwo gutunganya ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga (EPZ) | Rutangwa hagati y'iminsi 10 na 15 |
| Uruhushya rwo kwemererwa gukora ibikorwa by'ubucuruzi ahantu hatandukanye mu Cyanya cyahariwe ubucuruzi | Rutangwa mu minsi 15 |
| Uruhushya rwo kwemererwa gukorera ibikorwa byawe mu Cyanya cyahariwe ubucuruzi | Rutangwa mu minsi 15 |
| Uruhushya rwo gushora imari mu bukerarugendo | Rutangwa mu minsi 15 |
| Uruhushya rwemerera hoteli gutangira gukora | Rutangwa hagati y'iminsi 30 na 60 |

| | |
|---|---|
| Icyemezo kijyanye no kubungabunga ibidukikije | Gitangwa mu minsi 45 |
| Kwandikisha ibirango by'ubucuruzi | Bikorwa mu minsi 90 |
| Uruhushya rwo gukora ibikorwa byo guhanga udushya mu bya tekiniki cyangwa ibindi bikoresho abantu bakenera | Rutangwa mu mezi 180 |
| Kwandikisha iimiterere y'igicuruzwa [ibikiranga] | Bikorwa mu mezi 180 |
| Kwandikisha igihangano | Bikorwa mu mwaka 1 |

Ukeneye ibindi bisobanura bijyanye na serivisi zavuzwe haruguru, ibisabwa ndetse n'ikiguzi, watwandikira kuri imeli yacu ya info@rdb.rw

Capital Market Authority

## Serivisi za OSC: Itangwa ry'impushya zijyanye n' isoko ry 'imari n 'imigabane

Urwego rw'Isoko ry'Imari n'Imigabane (CMA) rwashinzwe mu mwaka wa 2008 kandi rugengwa n'itegeko no 057/2021 Bis ryo ku wa 18/09/2021. CMA ishinzwe kugenzura ibikorwa bijyanye n'ubucuruzi bw'isoko ry'imari n'imigabane, ihererekanya ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano yerekeranye na byo n'ay'ibijyanye n'inyandiko nyemezabubiko.

Kuva rwashingwa, CMA yakomeje kugira uruhare rukomeye mu guteza imbere ubucuruzi bw'isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda, harimo gushyiraho no kugenzura ingamba ku byerekeranye n'amabwiriza mu byerekeye ubucuruzi bw'isoko ry'imari n'imigabane, guha impushya abakora ubucuruzi bwerekeranye n'isoko ry'imari n'imigabane, ndetse no kubahiriza amategeko n'amabwiriza mu byerekeye ubucuruzi bw'isoko ry'imari n'imigabane.

### Serivisi zitangwa n'uru rwego:

**Serivisi zo gutanga impushya**

| | |
|---|---|
| Uruhushya rwerekeye Ibigega by 'ishoramari by 'abishyize hamwe (CIS) | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rujyanye n' Umubitsi w 'umutungo muri CIS | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gutanga serivisi zihariye zijyanye n'isoko ry'imari n'imigabane | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo kuba Umubitsi w 'umutungo | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gushing banki y'ishoramari | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gushora imari mu bikorwa bijyanye na serivisi z'ubunyamwuga mu ishoramari | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo kuba Umunyamwuga mu ishoramari | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gukora ubucuruzi bujyanye n'Isoko ry 'ibicuruzwa ku isoko ry 'imari n 'imigabane | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo kuba Umuhuza mu by 'ubucuruzi ku isoko ry 'imari n 'imigabane | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo kuba Uwunganira amasosiyete mu kuyafasha kuzuza ibyangombwa bituma bashobora kubona amafaranga ku isoko ryimari n 'imigabane | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rujyanye n'Abagura n 'abagurisha ku giti cyabo ibicuruzwa ku isoko ry 'imari n 'imigabane | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gushinga Ibigo bishinzwe isuzuma n 'iyishyurana | Rutangwa mu minsi 30 |

## Serivisi za OSC: Itangwa ry'impushya zijyanye n' isoko ry 'imari n 'imigabane

| | |
|---|---|
| Uruhushya rwo gushing Amasosiyete apima ubushobozi bwa masosiyete mu kwishyura imyenda yayo | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo guhererekanya ibicuruzwa by'ibanze | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo guhererekanya ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano yerekeranye na byo | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gukora serivisi zijyanye n'inyandiko nyemezabubiko | Rutangwa mu minsi 30 |

Ukeneye ibindi bisobanura bijyanye na serivisi zavuzwe haruguru, ibisabwa ndetse n'ikiguzi, watwandikira kuri imeli yacu ya osc.cma@rdb.rw

## Serivisi za OSC: Impushya zijyanye n'ubwubatsi

### Ibijyanye n'impushya zo kubaka mu Mujyi wa Kigali (Umujyi wa Kigali)

Umujyi wa Kigali ugengwa n'amategeko n'amabwiriza yashyizweho mu Rwanda, arimo ayerekeranye n'Itegeko rigenga imitunganyirize y'imijyi, itegeko ryo kurengera ibidukikije, agena ibikorwa bikorerwa mu mijyi hagamijwe kubungabunga no guteza imbere imijyi ku buryo burambye, haharanirwa guteza imbere imibereho myiza n'imiturire y'abatuye umujyi.

Umujyi wa Kigali ufite inshingano zo gutegura no gushyira mu bikorwa igishushanyo mbonera cy'umujyi wa Kigali, kigena ibijyanye n'imyubakire n'ibindi bijyanye n'indi mishanga igamije guteza imbere umujyi. Umujyi wa Kigali kandi utanga serivisi zitandukanye zigenewe abaturage zirimo izijyanye no kubungabunga imyanda ndetse no kurengera ibidukikije, hagamijwe kugira umujyi urangwa n'isuku, utuma abantu bagira ubuzima bwiza ku buryo burambye. Umujyi wa Kigali kandi ugira uruhare rufatika mu bikorwa bijyanye no guteza imbere imyubakire mu mujyi mu rwego rwo gusigasira iterambere ry'ubukungu no koroshya urujya n'uruza.

### Serivisi zitangwa n'uru rwego:

**Serivisi zo gutanga impushya:**

| | |
|---|---|
| Uruhushya rwo kuvugurura inyubako | Rutangwa mu minsi 10 |
| Uruhushya rwo guhindura inyubako | Rutangwa mu minsi 10 |
| Uruhushya rwo gukoresha inyubako | Rutangwa mu minsi 15 |
| Uruhushya rwo gusenya inyubako | Rutangwa mu minsi 15 |
| Uruhushya rwo guhindura icyo inyubako yagenewe | Rutangwa mu minsi 15 |
| Uruhushya rwo kubaka uruzitiro | Rutangwa mu minsi 15 |
| Uruhushya rwo kuvugurura bihindura inyubako | Rutangwa mu minsi 15 |
| Uruhushya rwo kuvugurura bidahindura inyubako | Rutangwa mu minsi 15 |
| Uruhushya rwo kubaka inyubako nshya | Rutangwa mu minsi 21 |

Ukeneye ibindi bisobanura bijyanye na serivisi zavuzwe haruguru, ibisabwa ndetse n'ikiguzi, watwandikira kuri imeli yacu ya osc.cok@rdb.rw

### Impushya zo kubaka hanze y'Umujyi wa Kigali (Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere imiturire)

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere imiturire (RHA) cyashyizweho n'Itegeko N0 40/2010 ryo ku wa 25/10/2010 hagamijwe kuvugurura imibereho y'Abanyarwanda binyuze mu igenamigambi, gushyira ku murongo no guteza imbere imiturire mu cyaro/imijyi, inyubako rusange, kubona inzu zo guturamo zihendutse, kubungabunga ahagenewe inyubako za Leta n'ibikorwa byayo, ndetse no kugenzura ibikorwa bijyanye n'imyubakire.

## Serivisi za OSC: Impushya zijyanye n'ubwubatsi

### Serivisi zitangwa n'uru rwego:

**Serivisi zo gutanga impushya:**

#### Impushya zo kubaka (zitajya zimanwa)

| | |
|---|---|
| Uruhushya rwo kuvugurura inyubako | Rutangwa mu minsi 15 |
| Uruhushya rwo guhindura inyubako | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gukoresha inyubako | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gusenya inyubako | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo guhindura icyo inyubako yagenewe | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo kubaka uruzitiro | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo kuvugurura bihindura inyubako | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo kuvugurura bidahindura inyubako | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo kubaka inyubako nshya | Rutangwa mu minsi 30 |

Ukeneye ibindi bisobanura bijyanye na serivisi zavuzwe haruguru, ibisabwa ndetse n'ikiguzi, watwandikira kuri imeli yacu ya osc.rha@rdb.rw

DGIE

## Serivisi za OSC: Serivisi zijyanye n'abinjira mu gihugu

Urwego rw'Iguhugu rushinzwe Abinjira n'Abasohoka rwashinzwe mu mwaka wa 2009 kandi rugengwa n'Itegeko N° 73/2013 ryo kuwa 11/9/2013.

Inshingano z'uru rwego ni ukugukurikirana no gutanga serivisi zijyanye n'abinjira n'abasohoka, zirimo nko gutanga visa, impushya n'impapuro z'inzira (pasiporo) ndetse no kugenzura politiki zijyanye no kugenzura imipaka n'abayambukiranya. Mu byo uru rwegi rushinzwe harimo kandi guhuza politiki n'amabwiriza yerekeye abinjira n'abasohoka n'ingamba z'igihugu zashyizweho zirebana n'umutekano n'iterambere, byose bigamije iterambere ry'ubukungu ndetse no kwihuza n'ibindi bihugu. DGIE kandi itanga amakuru ajyanye na Viza zo kwinjira mu gihugu ndetse n'izindi serivisi.

### Serivisi zitangwa n'uru rwego:

**Serivisi zo gutanga impushya:**

| | |
|---|---|
| Impushya zo gukora ubucuruzi (abashoramari na ba rwiyemezamirimo) | Rutangwa mu minsi 3 |
| Impushya zo kwemererwa gukora akazi (umurimo) | Rutangwa mu minsi 3 |

Ukeneye ibindi bisobanura bijyanye na serivisi zavuzwe haruguru, ibisabwa ndetse n'ikiguzi, watwandikira kuri imeli yacu ya osc.immigration@rdb.rw

## Serivisi za OSC: Guha impushya amashuru yigenga

Inama y'Igihugu y'Amashuri Makuru (HEC) yashyizweho n'Itegeko N°20/2017 ryo ku wa 28/04/2017, ikaba ari urwego rukuru rufite inshingano zo gushyiraho ibipimo ngenderwaho mu kwemera amashuri makuru mu gihugu ndetse no kugena imiterere n'imikorere yayo. Serivisi nyamukuru zitangwa na HEC zikubiyemo kugenzura uko ibipimo ngenderwaho byubahirizwa mu mashuri makuru ndetse no gusuzuma ibijyanye n'iterambere ry'ireme ry'uburezi n'ubushakashatsi mu mashuri makuru.

Ku rwego rw'amashuri y'inshuke, abanza n'ayisumbuye, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA) kigengwa n'Itegeko N° 123/01 ryo ku wa 15/10/2020, ni cyo gifite inshingano zo kugenzura niba ibipimo ngenderwaho byubahirizwa. Inshingano nyamukuru ya NESA ni uguteza imbere no gukurikirana ibizamini bya Leta, kugenzura imikorere y'amashuri hagamijwe kureba niba yubahiriza ibipimo ngenderwaho ndetse no kwemerera ibigo by'amashuri byigenga gutangira gukora.

### Serivisi zitangwa n'uru rwego:

**Serivisi zo gutanga impushya:**

| | |
|---|---|
| Uruhushya rwo kwemererwa gutangira ishuri rikuru ryigenga | Rutangwa hagati y'iminsi 30 na 90 |
| Uruhushya rwo gutangira porogaramu nshya mu Ishuri rikuru ryigenga risanze rikora | Rutangwa hagati y'iminsi 30 na 90 |
| Uruhushya rwo kwemererwa gutangira amashuri yigenga y'uburezi bw'ibanze n'aya TVET rutangwa na NESA | Rutangwa hagati y'iminsi 30 na 90 |

Ukeneye ibindi bisobanura bijyanye na serivisi zavuzwe haruguru, ibisabwa ndetse n'ikiguzi, watwandikira kuri imeli yacu ya osc.hec_rtb@rdb.rw

Republic of Rwanda
Ministry of Health

## Serivisi za OSC: Guha impushya amavuriro yigenga

Minisiteri y'Ubuzima (MOH) igengwa n'Itegeko No. 7015 ryo ku wa 30/11/2020, ikaba ifite inshingano zo kugenzura ko serivisi z'ubuzima zinoze kandi zigera ku baturage bose ku buryo bungana. Iyi minisiteri iteza imbere ishoramari mu bijyanye na serivisi zigezweho z'ubuzima ku rwego mpuzamahanga harushaho gutangwa ubumenyi no kubaka ubushobozi bwihariye imbere mu gihugu butuma abaturarwanda muri rusange barushaho kugira ubuzima bwiza.

Iyi minisiteri igeza ku baturage serivisi zigamije iterambere, ubwirinzi, ubuvuzi no kuvugurura ibikorwa by'ubuvuzi, igateza imbere imibereho izira umuze, ikagira inama abashaka gushora imari bigenga mu Rwanda, ifatanyije n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe iterambere (RDB).

### Serivisi zitangwa n'uru rwego:

**Serivisi zo gutanga impushya:**

| | |
|---|---|
| Uruhushya rw'agateganyo rwo gutangiza ikigo cy'ubuzima kigenga [ivuriro] | Rutangwa mu minsi 5 |
| Uruhushya rwo guhindura Umuyobozi w'ivuriro ryigenga | Rutangwa mu minsi 30 |
| Gukorera ubugenzuzi amavuriro yigenga | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gufungura no gutangira gukora | Rutangwa mu minsi 30 |
| Kongera uruhushya rwo gufungura no gutangira gukora | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo kongera serivisi nshya ku zo wari wemerewe | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo kuzamura urwego ivuro ryigenga ryariho | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo kwimurira ivuriro ryigenga mu kandi gace | Rutangwa mu minsi 30 |

Uretse gutanga izi serivisi, mu kazi kacu ka buri munsi dutanga serivisi zo kugenzura imikorere y'amavuriro yigenga, gushyiraho no kumenyekanisha amabwiriza agenga amavuriro n'ibigo by'ubuzima byigenga mu Rwanda.

Ukeneye ibindi bisobanura bijyanye na serivisi zavuzwe haruguru, ibisabwa ndetse n'ikiguzi, watwandikira kuri imeli yacu ya osc.moh.@rdb.rw

## Serivisi za OSC: serivisi zijyanye n’ Amasezerano yo gushyiraho isoko rusange rya Afurika (AfcFTA)

Minisiteri y’Ubucuruzi n’Inganda ifite inshingano zo kugenzura ishyirwa mu bikorwa rya AfcFTA mu Rwanda. Kugira ngo ishobore gukora izi nshingano, iyi Minisiteri ifite inshingano zitandukanye zirimo gushyiraho politiki n’ingamba, guhuza ibikorwa n’ibindi bigo bya Leta, gukorana n’abafatanyabikorwa bo mu rwego rwigenga, gukurikirana no gusuzuma ishyirwa mu bikorwa no kugira uruhare mu biganiro by’ubwumvikane. MINICOM ikorana n’abafatanyabikorwa bo mu nzego zigenga barimo nk’amashyirahamwe y’ubucuruzi n’amahuriro y’abacuruzi, mu rwego rwo kugenzura ko nabo bagira uruhare mu bikorwa bya AfcFTA no kongera umusaruro uturuka muri aya masezerano ku bucuruzi bwo mu Rwanda.

Amasezerano yo gushyiraho isoko rusange rya Afurika (AfcFTA) ni amasezerano akomeye yashyizweho umukono n’ibihugu 55 binyamuryango by’Ubumwe bwa Afurika (AU) n’ibihugu umunani (8) binyamuryango byUmuryango w’ubukungu mu karere (RECs) hagamijwe kuzamura ubukungu, gushyiraho isoko rimwe ku mugabane, kugabanya ubukene, no gusigasira iterambere rirambye muri Afurika. Mubyo aya masezerano (AfcFTA) agamije harimo gutanga inama ku birebana no gusonera Umusoro ku nyongeragaciro (VAT), amakuru ku bijyanye amafaranga agenewe guteza imbere ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga, agamije gushyigikira ubucuruzi bwo mu karere bugamije kwagura no kongera ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga.

### Serivisi zitangwa n’uru rwego:

| | |
|---|---|
| Icyemezo cya AfcFTA kijyanye n’amakuru y’inkomoko | Gitangwa mu masaha 24 |
| Gusonerwa imisoro ku bicuruzwa by’ibanze byinjira mu gihugu bikenerwa n’abanyenganda | Bikorwa mu masaha 24 |
| Kugabanyirizwa ikiguzi cy’ingufu z’amashanyarazi | Bikorwa mu minsi 3 |
| Gusaba ubutaka mu cyanya cyahariwe inganda | Bikorwa mu minsi 30 |

Ukeneye ibindi bisobanura bijyanye na serivisi zavuzwe haruguru, ibisabwa ndetse n’ikiguzi, watwandikira kuri imeli yacu ya osc.minicom@rdb.rw

## Serivisi za OSC: serivisi zijyanye no guteza imbere ibyoherezwa mu mahanga bikomoka ku buhinzi n'ubworozi

kigo cy'igihugu gishinzwe guteza imbere ibyoherezwa mu mahanga bikomoka ku buhinzi n'ubworozi (NAEB) cyashyizweho n'Itegeko no 39/2010 ryo ku wa 25/11/2010 gihabwa inshingano zo guteza imbere no gusigasira ibyoherezwa mu mahanga bikomoka ku buhinzi n'ubworozi hibandwa cyane mu kuzamura ubwiza n'ingano byabyo no guharanira ko byashobora guhangana ku isoko mpuzamahanga.

Muri serivisi zitangwa na NAEB harimo gutanga ubufasha mu bya tekiniki ku bahinzi n'aborozi ndetse n'abagemura mu mahanga ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi, gushyiraho politiki n'ingamba zigamije kongera ubwiza n'ingano y' ibyoherezwa mu mahanga bikomoka ku buhinzi n'ubworozi no guteza imbere ibicuruzwa bikomoka ku buhinzi n'ubworozi byoherezwa ku isoko mpuzamahanga. NAEB ifite ibikoresho byihariye, bihagije kandi bigezweho yifashisha mu gupima ubwiza bw'ibicuruzwa, ibyo gupima imiterere n'ibigize igicuruzwa. Iki kigo gitanga kandi serivisi zijyanye n'ubuhunikiro, aho bapakirira ibicuruzwa mbere yo kubishyikiriza abaguzi ndetse na serivisi zijyanye no gutanga amahugurwa yihariye ku bafatanyabikorwa.

### Serivisi zitangwa n'uru rwego:

**Serivisi zo gutanga impushya:**

| | |
|---|---|
| cyemezo cy'irangankomoko | Gitangwa mu masaha 24 |
| Icyemezo cy'ubwiza | Gitangwa mu masaha 24 |
| Icyemezo cy'isesengura n'isuzuma | Gitangwa mu masaha 24 |
| Uruhushya rwo kohereza ibicuruzwa mu mahanga | Rutangwa mu minsi 7 |

Ukeneye ibindi bisobanura bijyanye na serivisi zavuzwe haruguru, ibisabwa ndetse n'ikiguzi, watwandikira kuri imeli yacu ya osc.naeb@rdb.rw

## Serivisi za OSC: Impushya zijyanye na serivisi z'imari

Banki Nkuru y'u Rwanda izwi ku izina rya (NBR/ Banki Nkuru) yashyizweho mu mwaka w' 1964 igamije gushyiraho ifaranga ry'u Rwanda (Amafaranga y'u Rwanda FRW). Mu myaka yatambutse, inshingano za BAnki Nkuru zakomeje kuba izo kugenzura umutekano w'ibikorwa bijyanye na serivisi z'imari nkuko biteganywa mu Itegeko No 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda.

Uyu munsi Banki Nkuru igenzura kandi igakurikirana ibigo by'imari bisaga 600 harimo n'abatanga serivisi z'imari barimo za banki, ibigo bitanga ubwishingizi, ibigo biciriritse by'imari, ibijyanye na za pansiyo, ibigo bishinzwe kubika amakuru yerekeye inguzanyo n'ibindi. Banki Nkuru yiyemeje kuba intangarugero mu kugeza ku bayigana ndetse n'abafatanyabikorwa bayo serivisi zinoze, kuvugurura no gushyira ku rwego rugezweho politiki, amabwiriza ndetse na serivizi byayo ko iyi iba Banki Nkuru iri ku rwego mpuzamahanga

### Serivisi zitangwa n'uru rwego:

**Serivisi zo gutanga impushya no gutanga uburenganzira bwo gukora:**

| | |
|---|---|
| Uruhushya rwo gukora ibikorwa bijyanye n'amakuru yerekeye inguzanyo | Rutangwa mu minsi 30 |
| Kwandikisha ibijyanye na pansiyo | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gutanga serivisi zijyanye na pansiyo | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gukora ibikorwa bijyanye no kuvunja amafaranga | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gukora ibikorwa kurwanya igihombo kijyanye n'ubwishingizi/ kubisesengura/ gukora inyigo ku bijyanye n'ingaruka | Rutangwa mu minsi 30 |
| Kwemererwa kuba Umugenzuzi w'umutungo wo hanze mu bigo by'imari | Rutangwa mu minsi 30 |
| Kwemererwa kuba umugenagaciro ku bijyanye n'ibyago bishobora kuvuka | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gutanga serivisi zihuza banki n'ubwishingizi | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gushinga banki | Rutangwa mu minsi 90 |
| Uruhushya rwo gukora ubucuruzi bujyanye n'ubwishingizi | Rutangwa mu minsi 90 |
| Uruhushya gutanga serivisi zijyanye no kwishyurana | Rutangwa mu minsi 90 |
| Uruhushya rwo kuba umuhuza mu bijyanye n'ubwishingizi | Rutangwa mu minsi 90 |

## Serivisi za OSC: Impushya zijyanye na serivisi z'imari

| | |
|---|---|
| Uruhushya rwo gushyiraho ikigo cy'imari giciriritse cyo kubitsa no kubikuza | Rutangwa mu minsi 90 |
| Uruhushya rwo gushinga ikigo cyo kugurizanya gusa | Rutangwa mu minsi 90 |
| Uruhushya rwo gushinga ikigo gitanga serivisi z'ubwizerane no gucunga iby'abandi mu buryo bwa kinyamwuga | Rutangwa mu minsi 90 |

**Icyitonderwa:** igihe cyo gutanga impushya kivugwa haruguru gitangira kubarwa uhereye ku munsi ubusabe bwakiriwe. Ukeneye ibindi bisobanura bijyanye na serivisi zavuzwe haruguru, ibisabwa ndetse n'ikiguzi, watwandikira kuri imeli yacu ya osc.bnr@rdb.rw

Ukeneye ibindi bisobanura bijyanye na serivisi zavuzwe haruguru, ibisabwa ndetse n'ikiguzi, watwandikira kuri imeli yacu ya osc.bnr@rdb.rw

## Serivisi za OSC: Serivisi za Noteri w'Ubutaka

Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubutaka (NLA) cyashyizweho n'Iteka rya Perezida No 030/01 ryo ku wa 06/05/2022 rigena ikoreshwa n'imicungire y'ubutaka na Politiki y'igihugu y'ubutaka. Iki kigo gifite inshingano zo kugenzura imikoreshereze iboneye y'ubutaka ndetse n'uko bwabyazwa umusaruro hagamijwe iterambere rirambye.

NLA igenzura ibijyanye n'ibishushanyo bigaragaza imiterere y'ubutaka, aho buherereye ndetse n'iyandikishwa ryabwo kandi iki kigo kirimo gushyiraho uburyo bunoze bwo kwandikisha ubutaka bufasha abatunze ubutaka, abashoramari ndetse n'abafatanyabikorwa kubona amakuru nyayo kandi yizewe ajyanye n'ubutaka.

Muri serivisi zitangwa na NLA harimo gutanga inama zijyanye na politiki z'ubutaka, gukora inyigo zijyanye n'ubutaka no kububarura ndetse no kwandikisha ubutaka. NLA igenzura ko ubutaka bukoreshwa mu buryo bwubahirije amategeko kandi no mu nyungu za bose.

- Wabona amakuru ajyanye n'ubutaka ukoresheje nimero yawe ya MTN muri telefoni mu buryo bukurikira:
- Kanda *651# maze ukurikize amabwiriza. Injizamo nimero y'ubutaka (UPI). Urugero: X/XX/XX/XX/XXXXX

**IKITONDERWA:** Iyi serivisi yishyurwa amafaranga 65 y'u Rwanda uko uyikoresheje.

### Serivisi zitangwa n'iki kigo:

**Serivisi za Noteri w'Ubutaka:**

| | |
|---|---|
| Gusaba ihererekanya ry'ubutaka byemejwe n'umwanditsi Mukuru | Bikorwa mu masaha 24 |
| Gusaba guhererekanya uburenganzira ku butaka buhuriweho n'ibihugu bitandukanye habaho kubuganya ababuhuriyeho | Bikorwa mu masaha 24 |
| Gusaba guhindura icyo ubutaka bwagenewe hagendewe ku gishushanyo mbonera | Bikorwa mu minsi 3 |
| Gusaba guhuza ubutaka | Bikorwa mu minsi 3 |
| Gusaba kwandikisha ubutaka buhuriweho n'ibihugu bitandukanye no kubugabanya | Bikorwa mu minsi 8 |
| Gusaba gukosora cyangwa guhindura abo ubutaka busanzwe bwanditseho | Bikorwa mu minsi 18 |
| Gusaba gukosora cyangwa guhindura abo ubutaka bwanditseho mu rwego rw'amategeko | Bikorwa mu minsi 18 |
| Gusaba ihererekanya ry'ubutaka binyuze mu cyamunara cyakozwe hubahirizwa icyemezo cy'urukiko | Bikorwa mu minsi 18 |

## Serivisi za OSC: Serivisi za Noteri w'Ubutaka

| | |
|---|---|
| Gusaba guhindura icyo ubutaka bwagenewe mu rwego rwo kubahiriza igishushanyo mbonera | Bikorwa mu minsi 30 |
| Gusaba kugabanya ubutaka | Bikorwa mu minsi 30 |

Ukeneye ibindi bisobanura bijyanye na serivisi zavuzwe haruguru, ibisabwa ndetse n'ikiguzi, watwandikira kuri imeli yacu ya osc.nla@rdb.rw. Wanadusura ku rubuga www.landinformation.rw/ na https://geodata.rw ukabona amakuru ajyanye n'igishushanyo mbonera.

## Serivisi za OSC: Serivisi zijyanye n'ubwikorezi bwo mu kirere n'indege zitagira abapilote

Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe iby'Indege za Gisivile (RCAA) cyashyizweho n'Itegeko no 21/2004 ryo ku wa 10/08/2004 kikaba gifite inshingano yo guteza imbere, gushyira mu bikorwa no gusigasira ibikorwa bijyanye n'indege za gisivile mu Rwanda, bigakorwa mu buryo butekanye, bwizewe kandi bunoze. Intego ya RCAA ni uguteza imbere ubwikorezi bw'abantu n'ibintu bwo mu kirere, igenzura ibikorwa by'abantu n'ibigo bemerewe gukora ibikorwa bijyanye n'indege za gisivile.

RCAA igenzura iyubahirizwa ry'amategeko n'amabwiriza mpuzamahanga agenga ibikorwa bijyanye n'indege za gisivile. Iki kigo kandi gitanga impushya, ibyemezo, uburenganzira, ibyangombwa ndetse n'zindi nyandiko zikenerwa mu bikorwa by'indege za gisivile hakurikijwe amategeko n'amabwiriza abigenga. Uretse ibimaze kuvugwa, RCAA ishyiraho amategeko, amabwiriza n'ibipimo bigenderwaho mu bikorwa byose bijyanye n'indege za gisivile, harimo ibijyanye n'Indege zitagira abapilote (UAS), bituma habaho guhanga udushya mu by'indege.

### Serivisi zitangwa n'iki kigo:

**Impushya cyangwa ibyemezo bijyanye n'indege zitagira abapilote (urugero dorone):**

| | |
|---|---|
| Guhagarika ibikorwa | Bikorwa hagati y'iminsi 3 n'7 |
| Icyemezo cyo kwandikisha ibikorwa bijyanye n'indege zitagira abapilote | Bikorwa hagati y'iminsi 3 na 14 |
| Uruhushya rwo kwemererwa gukora | Bikorwa hagati y'iminsi 3 na 14 |
| Uruhushya/icyemezo rwo kuba umupilote | Bikorwa hagati y'iminsi 7 na 14 |
| Icyemezo cyo kuba uwemerewe gukora ibikorwa bijyanye n'indege zitagira abapilote | Bikorwa hagati y'iminsi 7 na 14 |
| Uruhushya/icyemezo rwo kuba umutoza w'abapilote | Bikorwa hagati y'iminsi 7 na 14 |
| Uruhushya rwo kugurutsa indege itarimo umupilote mu bikorwa by'imyidagaduro nko mu kabyiniro | Bikorwa hagati y'iminsi 7 na 14 |
| Uruhushya rwo gushinga ikigo gitanga amahugurwa mu bijyanye n'indege zitagira abapilote | Bikorwa hagati y'iminsi 14 na 28 |

**ICYITONDERWA:** indege (dorone) zose zitagira abapilote zaguzwe hanze y'igihugu zigomba kumenyeshwa polisi ikorera ku kibuga cy'indege zikigera mu Rwanda.

## Serivisi za OSC: Serivisi zijyanye n'ubwikorezi bwo mu kirere n'indege zitagira abapilote

### Impushya cyangwa ibyemezo bijyanye n'indege zitwarwa n'abapilote:

| | |
|---|---|
| Icyemezo gihabwa indege yujuje ibisabwa ku rwego tekiniki | Gitangwa mu minsi 5 |
| Icyemezo kijyanye n'urusaku | Gitangwa mu minsi 7 |
| Icyemezo cyo kuba ukora ibizamini byo kwa muganga wemewe | Gitangwa mu minsi 10 |
| Icyemezo kigaragaza ubumenyi mu rurimi rw'Icyongereza | Gitangwa mu minsi 10 |
| Icyemezo cyo kuba Usuzuma abapilote wemewe | Gitangwa mu minsi 10 |
| Icyemezo cyo kuba usuzuma abakozi b'indege | Gitangwa mu minsi 10 |
| Kwemerera ATO ziturutse hanze | Gitangwa mu minsi 10 |
| Icyemezo cyo gukoresha ikoranabuhanga ryifashishwa mu guhugura abapilote | Gitangwa mu minsi 10 |
| Icyemezo cyo kwemerera imiryango itanga inyigisho n'amahugurwa n'iyita ku buzima bw'indege za gisivili | Gitangwa mu minsi 10 |
| Uruhushya rwo kuba umupilote | Rutangwa mu minsi 14 |
| Uruhushya rwo kuba injeniyeri | Rutangwa mu minsi 14 |
| Uruhushya rwo gukora mu ndege | Rutangwa mu minsi 14 |
| Uruhushya rwo kuba ushinzwe kugenzura ingendo z'indege | Rutangwa mu minsi 14 |
| Uruhushya rwo kuba umwe mu bashinzwe gutanga amahugurwa ajyanye n'ubwikorezi bwo mu kirere | Rutangwa mu minsi 14 |
| Icyemezo cyo kwandikisha indege | Rutangwa mu minsi 14 |
| Icyemezo cyo kwemererwa gukora ubwikorezi bwo mu ndege zo hanze | Rutangwa mu minsi 14 |
| Icyemezo cy'ubwikorezi bwo mu ndege | Gitangwa mu minsi 120 |
| Icyemezo cyo gutanga serivisi z'ubwikorezi bwo mu ndege | Gitangwa mu minsi 120 |
| Icyemezo cy'ikoreshwa ry'ikibuga cy'indege mpuzamahanga n'ibibuga mpuzamahanga byagenewe ubwikorezi bwo mu kirere | Gitangwa mu minsi 180 |

Ukeneye ibindi bisobanura bijyanye na serivisi zavuzwe haruguru, ibisabwa ndetse n'ikiguzi, watwandikira kuri imeli yacu ya osc.rcaa@rdb.rw

## Serivisi za OSC: serivisi zitangwa n'ikigo cy'imari

Ikigo cyo kumenyekanisha serivisi z'imari zo mu Rwanda (RFL) ni ikigo kigenga gifite inshingano zo guteza imbere u Rwanda rukaba igicumbi cy'ishoramari n'ubucuruzi bwambukiranya imipaka muri Afurika. RFL ikorana n'abafatanyabikorwa b'ingenzi mu guteza imbere ikigo kitwa Kigali International Financial Centre (KIFC) kigamije kuvugurura amategeko n'imisoro, kongera ubumenyi aho biri ngombwa, iki kigo kikazatezwa imbere binyuze mu imenyskisha, ubuvugizi kuri politi ziriho no kongera ubumenyi no gushyiraho uburyo bw'igenzura buzatuma KIFC ihinduka igicumbi cy'imari ku rwego mpuzamahanga.

Ikigo mpuzamahanga cy'imari cya Kigali (KIFC) kizatuma u Rwanda ruhinduka igicumbi cy'ishoramari bikazakururira abashoramari bifuza gushora imari muri Afurika kandi bifuza kubyaza umusaruro abantu batandukanye muri Afurika n'ahandi.

RFL itanga ubufasha bw'ako kanya mu bijyanye no gushinga:

- Ikigo cy'ubucuruzi kireberera ibindi bigo by'ubucuruzi
- Ibinyabiziga byihariye
- Ikigo gikora ubucuruzi mpuzamahanga
- Ikigo gikora ibijyanye n'umutungo mu by'ubwnge
- Ikigo gifasha abantu
- Ikigo gikora ibijyanye n'ububitsi
- Ikigo gikurikirana ikoreshwa ry'imari
- Ikigo gicunga ikoreshwa ry'umutungo
- Ikigo cy'ishoramari
- Ikigo gitanga serivisi z'ikoranabuhanga mu ishoramari
- Ikigo cy'ishoramari rihuriweho n'abantu benshi
- Ikigo gitanga serivisi zijyanye n'icungamutungo
- Ikigo gitanga ubujyanama mu by'imari
- Ikigo gicunga imitungo y'umuryango
- Ikigo gikora ibijyanye n'ubwishingizi
- Banki yigenga
- Ikigo gikora ibijyanye n'ingwate mu by'imari
- Ikigo gikora ibijyanye n'ikodeshwa mu by'imari
- Ikigo gikora ibijyanye no kwishingirana mu by'imari
- Ikigo cyo kugurizanya gusa
- Ikigo gitanga serivisi z'ubwizerane no gucunga iby'abandi mu buryo bwa kinyamwuga

Ukeneye ibindi bisobanura bijyanye na serivisi zavuzwe haruguru, watwandikira kuri imeli yacu ya osc.rfl@rdb.rw

## Serivisi za OSC: Ubugenzuzi bw'ibiribwa &imiti, kwiyandikisha & gutanga impushya

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura ubuziranenge bw'ibiribwa n'imiti (Rwanda FDA) ni urwego rushinzwe igenzura rwashyizweho n'Itegeko N° 003/2018 ryo ku wa 09/02/2018 hagamijwe kurinda ubuzima bw'abaturage binyuze mu kugenzura ikorwa, itumizwa mu mahanga, ikwirakwizwa ndetse n'ikoreshwa ry'ibirbwa n'imiti bitandukanye. Uru rwego rugira uruhare rukomeye mu kugenzura ko ibiribwa n'imiti bifite ubuziranenge kandi byizewe ari byo gusa bigera ku masoko yo mu Rwanda, kandi inshingano z'iki kigo zireba imiti ikoreshwa ku bantu n'ikoreshwa ku matungo, ibiribwa byakorewe mu nganda, ibikoresho byifashishwa mu buvuzi, imiti yisigwa, ibijyanye n'itabi, ibinyabutabire bitandukanye, ndetse n'imiti yica udukoko.

Rwanda FDA ifite inshingano zo kuyobora amasuzuma ajyanye n'imiti yok wa muganga no kugenzura za laboratwari n'imiti ikoreshwa mu masuku, n'ibindi bitandukanye. Muri serivisi itanga harimo kwandikisha ibiribwa n'imiti, kugenzura ubuziranenge (ubwiza), kugenzura imiti n'ibiribwa bitumizwa cyangwa byoherezwa mu mahanga, kugenzura ibijyanye n'amasoko, gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko n'amabwiriza.

### Serivisi zitangwa n'iki kigo:

**Gutanga impushya**

**Ku byerekeye ibiribwa:**

| | |
|---|---|
| Uruhushya rwo gutumiza cyangwa kohereza ibiribwa mu mahanga | Rutangwa mu minsi 3 |
| Uruhushya rwo kwamamaza | Rutangwa mu minsi 10 |
| Uruhushya rwo kubaka inyubako ikoreramo uruganda rw'ibiribwa | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gukora: kuranguza – kudandaza ibiribwa – gucuruza ibiribwa by'abana | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gushing resitora | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhusya rwo kuranguza&kudandaza ibiribwa byakorewe mu nganda / ibiribwa by'amatungo | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo kwamamaza ibiribwa byakorewe imbere mu gihugu | Rutangwa mu minsi 60 |
| Uruhushya rwo kwamamaza ibiribwa byatumijwe mu mahanga | Rutangwa mu minsi 270 |

**Ku byerekeye imiti**

| | |
|---|---|
| Uruhushya rwo gutumiza cyangwa kohereza ibiribwa mu mahanga (rutangwa mu minsi 3); | Rutangwa mu minsi 3 |

## Serivisi za OSC: Ubugenzuzi bw'ibiribwa &imiti, kwiyandikisha & gutanga impushya

| | |
|---|---|
| Uruhushya rwo kwamamaza | Rutangwa mu minsi 10 |
| Icyemezo cyo kwandikisha inyubako | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gushing uruganda rukora imiti | Rutangwa mu minsi 30 |
| Guhabwa amakuru y'ibyavuye mu isuzuma ry'ingaruka mbi zishobora guterwa n'umuti (ADR) cyangwa raporo ku muti ukekwaho kutuzuza ubuziranenge | Rutangwa mu minsi 30 |
| Icyemezo cy'impinduka ntoya zigaragara ku muti wandikishijwe | Rutangwa mu minsi 30 |
| Icyemezo cy'impinduka nini zigaragara ku muti wandikishijwe; | Rutangwa mu minsi 60 |
| Uruhushya rwo gukora isuzuma ry'imiti mu Rwanda | Rutangwa mu minsi 60 |
| Kongera uruhushya rwo kwamamaza imiti yakorewe | Rutangwa mu minsi 90 |
| Kongera uruhushya rwo kwamamaza imiti yatumijwe hanze y'igihugu | Rutangwa mu minsi 90 |
| Kwandikisha imiti ikenerwa cyane kurusha iyindi | Rutangwa mu minsi 90 |
| Icyemezo cy'imikorere iboneye y'uruganda rukora imiti | Rutangwa mu minsi 150 |
| Uruhushya rwo kwamamaza imiti yatumijwe mu mahanga | Rutangwa mu minsi 270 |

**Ibyerekeye imiti inoza kandi igasukura umubiri (bisiga), imiti ikoreshwa mu ngo, imiti irwanya udukoko twa mikorobe, imiti yica za virusi, imiti ikorerwa muri laboratwari, imiti ihumanya, imiti yica udukoko, n'imiti ikoze mu bimera:**

| | |
|---|---|
| Uruhushya rwo gutumiza cyangwa kohereza ibiribwa mu mahanga (rutangwa mu minsi 3); | Rutangwa mu minsi 3 |
| Uruhushya rwo kubaka inyubako ikoreramo uruganda (rutangwa mu minsi 30); | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gushing uruganda (rutangwa mu minsi 30); | Rutangwa mu minsi 30 |
| Kwandikisha imiti yakorewe imbere mu gihugu, imiti inoza ikanasukuru umubiri (bisiga), n'imiti ikoreshwa mu rugo | Rutangwa mu minsi 60 |
| Kwandikisha imiti yakorewe muri laboratwari y'imbere mu gihugu, imiti ihumanya & imiti yica udukoko | Rutangwa mu minsi 60 |

## Serivisi za OSC: Ubugenzuzi bw'ibiribwa &imiti, kwiyandikisha & gutanga impushya

| | |
|---|---|
| Kwandikisha imiti irwanya udukoko n'iyica za virusi | Rutangwa mu minsi 60 |
| Kwandikisha imiti ikoze mu bimera yakorewe imbere mu gihugu | Rutangwa mu minsi 90 |
| Kwandikisha imiti bisiga (inoza ikanasukura umubiri) n'imiti ikoreshwa mu rugo | Rutangwa mu minsi 120 |
| Kwandikisha imiti yica mikorobe n'iyica virusi | Rutangwa mu minsi 120 |
| Kwandikisha imiti ikorerwa muri laboratwari, ihumanya & yica udukoko yatumijwe hanze | Rutangwa mu minsi 120 |
| Kwandikisha ibikoresho by'ubuvuzi n'ibikoresho byofashishwa mu gusuzuma byakorewe imbere mu gihugu | Rutangwa mu minsi 120 |
| Kwandikisha imiti ikorwa mu bimera yatumijwe hanze | Rutangwa mu minsi 180 |
| Kwandikisha ibikoresho by'ubuvuzi n'ibikoresho byofashishwa mu gusuzuma byatumijwe mu mahanga | Rutangwa mu minsi 270 |

Ukeneye ibindi bisobanura bijyanye na serivisi zavuzwe haruguru, ibisabwa ndetse n'ikiguzi, watwandikira kuri imeli yacu ya osc.rfda@rdb.rw

Republic of Rwanda
Rwanda Forestry Authority

## Serivisi za OSC: Impushya zijyanye n'amashyamba

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe amashyamba (RFA) cyashyizweho n'Itegeko No. 072/2019 ryo ku wa 29/01/2020, gihabwa inshingano yo gucunga no guteza imbere ibikomoka ku mashyamba. RFA kandi iharanira iterambere rirambye, igatanga inama ku bifuza gushora imari mu bikorwa bijyanye n'amashyamba, igatanga kandi impushya n'ibyemezo bijyanye n'amashyamba hakurikijwe amategeko n'amabwiriza byerekeye amashyamba.

### Serivisi zitangwa n'iki kigo:

**Serivisi zo gutanga impushya:**

| | |
|---|---|
| Uruhushya rwo gusarura ishyamba | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo kohereza mu mahanga ibikomoka ku mashyamba | Rutangwa mu minsi 30 |

Ukeneye ibindi bisobanura bijyanye na serivisi zavuzwe haruguru, ibisabwa ndetse n'ikiguzi, watwandikira kuri imeli yacu ya osc.rfa@rdb.rw

## Serivisi za OSC: kwandikisha & impushya zijyanye n'ubugenzuzi bujyanye no kurengera umuguzi

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubugenzuzi bw'Ubuziranenge, Ihiganwa mu bucuruzi no kurengera Umuguzi (RICA) cyashyizweho n'Itegeko No. 31/2017 ryo ku wa 25/07/2017 gihabwa inshingano yo kugenzura ibipimo by'ubuziranenge bw'ibicuruzwa bitari ibiribwa no guteza imbere ihiganwa rikozwe mu buryo buboneye hamaganwa ibikorwa by'ubucuruzi butanoze ndetse no kurengera inyungu z'umuguzi. RICA ifite inshingano yo kugenzura, gukora iperereza no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko n'amabwiriza ajyanye n'ibipimo by'ubuziranenge, ihiganwa no kurengera umuguzi.

RICA itenga serivisi zirimo gukora ubugenzuzi bw'ibicuruzwa na serivisi hagamijwe kubahiriza ibipimo by'ubuziranenge, gukora iperereza no guhana abatubahiriza amabwiriza agenga ihiganwa ndetse no kurengera inyungu z'umuguzi binyuze mu bikorwa byo gukora iperereza ku Birego byakiriwe bijyanye n'ibicuruzwa na serivisi ndetse no kubishakira ibisubizo.

### Serivisi zitangwa n'iki kigo:

#### Serivisi zijyanye no kwiyandikisha:

##### Serivisi zo kwandikisha inyubako ikorerwamo:

| | |
|---|---|
| Icyemezo cyo kwandikisha inyubako ikorerwamo ibikorwa bijyanye n'imiti y'ubuhinzi n'ubworozi | Gitangwa mu minsi 30 |
| Icyemezo cyo kwandikisha ibagiro | Gitangwa mu minsi 30 |
| Icyemezo cyo kwandikisha ibagiro ryimukanwa | Gitangwa mu minsi 30 |
| Icyemezo cyo kwandikisha ahacururizwa inyama | Gitangwa mu minsi 30 |
| Icyemezo cyo kwandikisha ikusanyirizo ry'amata | Gitangwa mu minsi 30 |
| Icyemezo cyo kwandikisha ahakusanyirizwa amata mbere yo kujyanwa mu ikusanyirizo | Gitangwa mu minsi 30 |
| Icyemezo cyo kwandikisha ahacururizwa amata | Gitangwa mu minsi 30 |
| Icyemezo cyo kwandikisha igaraji (yubatswe vuba, isanzwe ikora, yavuguruwe, yahinduwe | Gitangwa mu minsi 30 |
| Icyemezo cyo kwandikisha inyubako ikorerwamo ibikorwa byo gutera amarangi, gupakira ibicuruzwa, no kongera kubipakira bwa kabiri | Gitangwa mu minsi 30 |

##### Kwandikisha ibikoresho & imashini:

| | |
|---|---|
| Icyemezo cyo kwandikisha ibikoresho n'imashini bikoreshwa mu buhinzi n'ubworoz | Gitangwa mu minsi 30 |

RICA | Rwanda Inspectorate, Competition and Consumer Protection Authority

## Serivisi za OSC: kwandikisha & impushya zijyanye n'ubugenzuzi bujyanye no kurengera umuguzi

### Serivisi zijyanye n'ubwikorezi bw'ibicuruzwa:

| | |
|---|---|
| Icyemezo cyo kwandikisha ubwikorezi bw'amata | Gitangwa mu minsi 30 |
| Icyemezo cyo kwandikisha ubwikorezi bw'inyama | Gitangwa mu minsi 30 |

### Kwandikisha igicuruzwa:

| | |
|---|---|
| Icyemezo cyo kwandika imiti ikoreshwa mu bijyanye n'ubuhinzi n'ubworozi | Gitangwa nibura mu gihe kitarenze imyaka 2 |

## Serivisi zo gutanga impushya:

### Gutanga impushya zo kwemererwa gukora:

| | |
|---|---|
| Uruhushya rwo gucuruza imbuto | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gutubura imbuto | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gutunganya imbuto | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gukora ibikorwa by'ubucuruzi bw'ibikoresho by'ikoranabuhanga byakoreshejwe | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gukora ubucuruzi bw'imashini zikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo guhunika imiti irwanya udukoko [ikoreshwa mu guhungira] | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gucuruza imiti ikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi (gutumiza mu mahanga, kohereza mu mahanga, kuranguza, kudandaza | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gushing uruganda rukora imiti ikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gukora ubucuruzi bujyanye n'ubwubatsi | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gucuruza ibikinisho by'abana | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gukora ibikorwa by'ubucuruzi bw'iby'amarangi n'ibijyanye na byo | Rutangwa mu minsi 30 |

## Ibyemezo byo kohereza ibicuruzwa mu mahanga:

| | |
|---|---|
| Icyemezo cyo kohereza mu mahanga imiti irinda ibimera n'ibibikomokaho | Gitangwa mu masaha 24 |
| Icyemezo cyo kohereza mu mahanga imiti mpuzamahanga y'amatungo n'ibiyakomokaho | Gitangwa mu masaha 24 |

Serivisi za OSC: kwandikisha & impushya zijyanye n'ubugenzuzi bujyanye no kurengera umuguzi

## Ibyemezo byo gutumiza ibicuruzwa mu mahanga:

| | |
|---|---|
| Uruhushya rwo gutumiza mu mahanga ibimera & ibikomoka ku bimera | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gutumiza mu mahanga ibikomoka ku matungo | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gutumiza mu mahanga ibikomoka ku binyabutabire | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gutumiza mu mahanga ibikoresho by'ubuhinzi n'ubworozi | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gutumiza mu mahanga ibikoresho by'ubwubatsi | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gutumiza mu mahanga ibikoresho by'amashanyarazi n'iby'ikoranabuhanga | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gutumiza mu mahanga ibintu basanzwe | Rutangwa mu minsi 30 |

## Izindi serivisi:

| | |
|---|---|
| Gutunganya ahakorerwa ubuhinzi n'ubworozi (hagamije kohereza mu mahanga) | Bikorwa hagati y'umunsi 1 n'iminsi 7 |
| Icyemezo cy'imbuto | Gitangwa mu minsi 3 |
| Uruhushya rwo kubaka inyubako zigenzurwa na RICA (amabagiro, ubuhunikiro, inganda, ahatunganyirizwa imbuto, amagaraji, n'ibindi | Rutangwa mu minsi 30 |

Ukeneye ibindi bisobanura bijyanye na serivisi zavuzwe haruguru, ibisabwa ndetse n'ikiguzi, watwandikira kuri imeli yacu ya osc.rica@rdb.rw

## Serivisi za OSC: Gutanga impushya zo gucukura amabuye y'agaciro

Ikigo cy'igihugu gishinzwe Mine, Peteroli na Gazi (RMB) cyashyizweho n'Itegeko No 07/2017 ryo ku wa 03/02/2017 gihabwa inshingano yo gucunga no guteza imbere mu buryo burambye mine, peteroli na gazi bikomoka mu Rwanda. RMB ifite inshingano yo gushyiraho no kubahiriza politi, amategeko n'amabwiriza ajyanye no gushakisha, kubyaza umusaruro no kongerera agaciro ubu butunzi bwavuzwe haruguru, hibandwa cyane cyane kubyaza inyungu ishoboka ubutunzi bwavuzwe haruguru hagamijwe guteza imbere ubukungu n'imibereho y'abatuye u Rwanda. Iki kigo kandi kigenzura imicungire n'iterambere ry'ibikomoka kuri mine na peteroli, kikagenzura iyubahirizwa ry'amategeko n'amabwiriza ajyanye na byo, kikanakurikirana icukurwa n'itunganywa ryabyo hagamijwe kugenzura koi bi bikorwa bikorwa mu buryo butabangamiye ibidukikije n'abantu.

RMB itanga serivisi zitandukanye zigenewe abashoramari zirimo gutanga impushya n'ibyemezo ndetse no guteza imbere ibikorwa by'ishoromari muri uru rwego.

### Serivisi zitangwa n'iki kigo:

**Serivisi zo gutanga impushya:**

| | |
|---|---|
| Uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro | Rutangwa mu minsi 60 |
| Uruhushya rwo gucuruza amabuye y'agaciro | Rutangwa mu minsi 60 |
| Uruhushya rwo gutunganya mine | Rutangwa mu minsi 60 |
| Uruhushya rwo gushing uruganda rwa kariyeri | Rutangwa mu minsi 60 |
| Uruhushya rw'agateganyo rwo gukora imirimo ijyanye no gucukura amabuye y'agaciro na kariyeri | Rutangwa mu minsi 60 |
| Uruhushya rwo gushakisha amabuye y'agaciro | Rutangwa mu minsi 60 |

**Izindi serivisi:**

| | |
|---|---|
| Icyemezo cyo kohereza mine zo muri ICGL mu mahanga (Tini, tantanumu na tungusiteni) | Gitangwa mu masaha 24 |
| Icyemezo cyo kohereza mine mu mahanga (andi mabuye y'agaciro nka Zahabu, gemisitone na litiyumu) | Gitangwa mu masaha 24 |
| Icyemezo cyo kohereza mu mahanga gemisitone | Gitangwa mu minsi 2 |
| Icyemezo cyo gutumiza mu mahanga ibikoresho bitaranozwa | Gitangwa mu minsi 3 |
| Icyemezo cyo kohereza mu mahanga iby'ikitegererezo | Gitangwa mu minsi 4 |
| Serivisi zo zo kumenya inkomoko y'amabuye y'agaciro | Buri minsi 14 |
| Kugisha inama akarere ku bijyanye na kariyeri yoroheje igamije ubucuruzi | Bikorwa mu minsi 15 |

## Serivisi za OSC: Gutanga impushya zo gucukura amabuye y'agaciro

| | |
|---|---|
| Uruhushya rwo guhererekany amabuye y'agaciro | Rutangwa mu minsi 60 |

Ukeneye ibindi bisobanura bijyanye na serivisi zavuzwe haruguru, ibisabwa ndetse n'ikiguzi, watwandikira kuri imeli yacu ya osc.rmb@rdb.rw

## Serivisi za OSC: Gutanga impushya ku batanga serivisi z'umutekano bigenga

Polisi y'u Rwanda (RNP) yashyizweho n'Itegeko no 09/2000 ryo ku wa 16/06/2000 ikaba ifite inshingano yo kurinda uburenganzira bw'ibanze bw'abantu no kurinda umutekano w'Abaturarwnda n'ibintu byabo.

### Serivizi zitangwa na Polisi y'u Rwanda:

**Gutanga impushya:**

| | |
|---|---|
| Uruhushya rwo gutanga serivisi z'umutekano zigenga | Rutangwa mu minsi 15 |
| Icyemezo cyo gutanga serivisi z'umutekano zigenga | Gitangwa hagati y'iminsi 60 na 90 |

Ukeneye ibindi bisobanura bijyanye na serivisi zavuzwe haruguru, ibisabwa ndetse n'ikiguzi, watwandikira kuri imeli yacu ya osc.rnp@rdb.rw

Ikigo cy'igihugu gishinzwe imisoro n'amahoro (RRA) cyashyizweho mu mwaka w'1997 n'Itegeko No 15/97 gihabwa inshingano yyo gusuzuma, gukusanya no gucunga imisoro, amahoro n'indi misoro n'amahoro byihariye. Iki kigo gishinzwe kandi gukusanya andi mafaranga atari imisoro n'amahoro no kugira Leta inama kuri politi ijyanye no gukusanya imisoro n'amahoro.

RRA itanga serivisi zirimo gusuzuma imisoro, gukusanya no gucunga no kugenzura uko amahoro yishyurwa, guhugura no kugeza amakuru ku basora ndetse no gukusanya andi mafaranga atari imisoro n'amahoro. RRA itanga kandi amakuru ajyanye n'inzira zo gutumiza ibicuruzwa hanze, gucunga imizigo n'ubuhunikiro, ubwoko bw'imisoro y'imbere mu gihugu n'uko ibarwa ndetse no gukurikirana isubizwa ry'imisoro n'amahoro.

Iki kigo gishinzwe kandi iyubahirizwa ry'amategeko n'amabwiriza byerekeye imisoro n'amahoro, kugenzura imari, no gukora iperereza ku bantu banyereza n'abatishyura imisoro n'amahoro. RRA ifite intego yo guteza imbere iyubahirizwa ry'amategeko agenga ikusanywa ry'imisoro n'amahoro mu Rwanda ibinyujije mu gutanga serivisi zizewe kandi zinoze ku basora n'abafatanyabikorwa bayo.

## Serivisi za OSC: Serivisi zijyanye n'amahoro

### Serivisi zitangwa:

**Gutanga impushya:**

| | |
|---|---|
| Uruhushya rwo gusonerwa amahoro | Rutangwa mu masaha 24 |
| Uruhushya rwo gusonerwa umusoro ku nyongeragaciro | Rutangwa mu masaha 24 |

Ukeneye ibindi bisobanura bijyanye na serivisi zavuzwe haruguru, ibisabwa ndetse n'ikiguzi, watwandikira kuri imeli yacu ya osc.rracustom@rdb.rw

## Serivisi za OSC: Serivisi zijyanye n'imisoro y'imbere mu gihugu

### Serivisi zitangwa:

**Gutanga impushya:**

| | |
|---|---|
| Icyemezo cyo kutabamo umwenda w'imisoro | Gitangwa ako kanya |
| Kwandikisha serivisi zitagamije ubucuruzi no guhabwa inomero iranga usora (TIN) | Rutangwa mu masaha 24 |
| Kwandukuza ubucuruz | Bikorwa mu minsi 5 |
| Icyemezo cy'ubunyangamugayo mu misoro | Bikorwa mu minsi 5 |

Ukeneye ibindi bisobanura bijyanye na serivisi zavuzwe haruguru, ibisabwa ndetse n'ikiguzi, watwandikira kuri imeli yacu ya osc.rra@rdb.rw

RSB
Rwanda Standards Board
ISO 9001 Certified

## Serivisi za OSC: Serivisi zijyanye n'ubuziranenge

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuziranenge (RSB) cyashyizweho n'Itegeko No 50/2013 ryo ku wa 28/6/2013 gihabwa inshingano yo gutanga serivisi zijyanye no gushyiraho ibipimo by'ubuziranenge, kugenzura ubuziranenge, n'ubumenyi bwo gupima, zirimo gushyiraho ibipimo by'ubuziranenge ngenderwaho n'iyubahirizwa ryabyo, gusuzuma no guhitamo ibikoresho byifashishwa mu gupima, gutanga ibyemezo by'ubuziranenge ku bicuruzwa na serivisi, ndetse no guha impushya zo gukora ibigo bisuzuma iyubahirizwa ry'ubuziranenge.

RSB itanga serivisi zemewe ku rwego mpuzamahanga kandi zigatangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga, iki kigo kikaba kigira uruhare rukomeye mu guteza imbere ubucuruzi, kurengera umuguzi no kubungabunga ubuzima n'umutekano by'abaturage.

### Serivisi zitangwa:

**Gutanga impushya:**

| | |
|---|---|
| Ikirango kigaragaza ko igicuruzwa cyakorewe mu Rwanda [MiR] | Gitangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo kwemeza igicuruzwa S-MARK | Gitangwa mu minsi hagati y'iminsi 30 na 90 |
| Icyemezo cyo kugenzura ubuziranenge bw'ibiribwa (FSMS/HACCP) | Gitangwa mu minsi hagati y'iminsi 30 na 90 |
| Icyemezo cyo kugenzura ubwiza bw'igicuruzwa (QMS) | Gitangwa mu minsi hagati y'iminsi 30 na 90 |
| Icyemezo cyo kubahiriza ibijyanye no kubungabunga ibidukikije (EMS) | Gitangwa mu minsi hagati y'iminsi 30 na 90 |
| Icyemezo gihabwa abantu | Gitangwa mu minsi hagati y'iminsi 30 na 90 |
| Icyemezo gihabwa ibicuruzwa bikomoka ku buhinzi n'ubworozi | Gitangwa mu minsi hagati y'iminsi 30 na 90 |

**Other services:**

| | |
|---|---|
| Serivisi z'ibipimo by'ubuziranenge byemewe ku rwego rw'Igihugu agenga inganda zose n'ibigo bitanga serivisi | Bikorwa ako kanya |
| Serivisi zo gupima ub uziranenge ku rwego rw'igihugu | Zitangwa mu minsi 7 |
| Serivisi z'ubumenyi bw'ibipimo | Zitangwa mu minsi 7 |
| Gutanga amahugurwa n'ubufasha mu bya tekiniki ku bipimo by'ubuziranenge | Zitangwa mu minsi 14 |

Ukeneye ibindi bisobanura bijyanye na serivisi zavuzwe haruguru, ibisabwa ndetse n'ikiguzi, watwandikira kuri imeli yacu ya osc.rsb@rdb.rw

## Serivisi za OSC: Gutanga impushya zijyanye n'imirimo ifitiye igihugu akamaro

Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro (RURA) rugengwa n'Itegeko N° 09/2013 ryo ku wa 01/03/2013 rishyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro (RURA) ruhabwa inshingano yo kugenzura imirimo ifitiye igihugu akamaro no guteza imbere ibikorwa by'iterambere rijyanye n'urwego rw'imirimo ifitiye igihugu akamaro, hashyirwaho uburyo bunoze bwo kugenzura, kunoza ihiganwa no kunoza imitangire ya serivisi.

RURA igenzura ibikorwa bijyanye n' itumanaho, ikoranabuhanga mu isakazabumenyi, isakazamakuru, serivisi z'amaposita, ngufu, amazi, isuku n'isukura, gutwara abantu n'ibintu, n'izindi nzego z'imirimo bibaye ngombwa, hagamijwe kugenzura iyubahirizwa ry'ibipimo by'ubuziranenge, kuzirikana ubuzima n'umutekano w'abakoresha izo serivisi, no kubahiriza politiki zigamije kurengera ibidukikije. Muri serivisi zitangwa n'uru rwego harimo gutanga impushya n'ibyemezo, kugena ibiciro n'ikiguzi, kugenzura iyubahirizwa ry'amabwiriza, gukora ubushakashatsi no guharanira iterambere, no kugira inama Leta kuri politiki zijyanye n'imirimo ifitiye igihugu akamaro.

### Services provided:

**Licensing services:**

**Licenses in the ICT sector:**

| | |
|---|---|
| Ubusabe bwose bujyanye no kwemeza ubwoko | Bikorwa hagati y'iminsi 5 na 10 |
| Uruhushya rwo guhabwa kode ngufi | Rutangwa mu minsi 7 |
| Impushya zose zo kwemererwa gutanga serivisi | Rutangwa mu minsi 30 |
| Impushya zose z'ibyemezo rusange | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gutanga serivisi z'amaposita no gutwara ubutumwa | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gushinga ikinyamakuru gisohoka ku mpapuro | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gutanga serivisi zo gukwirakwiza utumenyetso tw'ihuzanzira (signals) | Rutangwa mu minsi 30 |
| Impushya zose zo kubaka iminara no kubaka uburyo bwa murandasi inyujijwe mu butaka (fiber optic) | Rutangwa mu minsi 30 |
| Impushya zose zo kubona umurongo wa radiyo | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo gukora itumanaho ku rwego rw'igihugu | Rutangwa mu minsi 30 |
| Uruhushya rwo kubaka ibikorwaremezo by'ihuzanzira no gutanga serivisi zijyanye n'ihuzanzira ku rwego rwa 1 | Rutangwa mu minsi 90 |

## Serivisi za OSC: Gutanga impushya zijyanye n'imirimo ifitiye igihugu akamaro

| | |
|---|---|
| Impushya zose zo gutanga serivisi zo gukwirakwiza amakuru hakoreshejwe uburyo butandukanye burimo n'amajwi n'amashusho (Multimedia) | Rutangwa mu minsi 90 |
| Impushya zose zo gutanga serivisi z'ifatabuguzi rya televiziyo | Rutangwa mu minsi 90 |
| Impushya zose zo gutambutsa ubutumwa runaka kuri televiziyo | Rutangwa mu minsi 90 |
| Impushya zose zo gutanga serivisi z'isakazamakuru rya radiyo | Rutangwa mu minsi 90 |

### Impushya zijyanye n'amashanyarazi:

| | |
|---|---|
| Kwandikisha umuyoboro muto cyane witaruye | Iminsi 15 |
| Impushya zose zijyanye n'ingufu z'amashanyarazi (kuyatwara, kuyakwirakwiza no kuyacuruzi) | Iminsi 60 |
| Impushya zijyanye n'imiyoboro mito igamije kugeza amashanyarazi mu cyaro no gukwirakwiza ingufu nkeya z'amashanyarazi | Iminsi 60 |
| Uruhushya rwo gutanga amashanyarazi | Iminsi 90 |

### Impushya n'ibyemezo bijyanye na gazi na peteroli:

| | |
|---|---|
| Isuzuma ry'ibanze rijyanye na LPG, sitasiyo za peteroli no kubaka ibigega bya lisansi | Iminsi 21 |
| Impushya zose zijyanye na LPG, sitasiyo za peteroli n'imodoka zitwara peteroli | Iminsi 21 |
| Impushya zose zijyanye no kubaka ibigega bya lisansi, gutumiza lisansi mu mahanga, no kongera urwego rwa lisansi | Iminsi 30 |
| Uruhushya rwo gukora ibikorwa byo guhunika lisansi | Iminsi 60 |

### Impushya zo mu rwego rw'amazi:

| | |
|---|---|
| Impushya zose zo gucunga ibikorwaremezo byo gukwirakwiza amazi | Iminsi 30 |
| Impushya zose zijyanye no gukwirakwiza amazi | Iminsi 60 |

RWANDA UTILITIES REGULATORY AUTHORITY

Inspiring development

## Serivisi za OSC: Gutanga impushya zijyanye n'imirimo ifitiye igihugu akamaro

### Impushya zijyanye n'urwego rw'isukura:

| | |
|---|---|
| Uruhushya rwo gutanga serivisi zijyanye n'isuku | Iminsi 10 |
| Uruhushya rwo gukusanya imyanda itemba no kuyitwara | Iminsi 20 |
| Impushya zose zijyanye no gukusanya, gutwara no kubungabunga imyanda yangiza | Iminsi 30 |
| Impushya zose zijyanye no gukusanya, gutwara no kuvugurura imyanda ikomeye | Iminsi 30 |
| Uruhushya rwo kubaka uburyo bwo gutunganya imyanda ikomoka ku mazi bwegerejwe abaturage | Iminsi 30 |

### Impushya n'ibyemezo bijyanye no kwirinda imyuka ihumanya:

| | |
|---|---|
| Impushya zose zijyanye no gusuzuma no kubaka ahakorerwa imirimo | Iminsi 15 |
| Impushya zose zijyanye no kwangiza no gutesha agaciro | Iminsi 15 |
| Impushya zose zijyanye n'ubwikorezi | Iminsi 15 |
| Impushya zose zijyanye no gutumiza no kohereza mu mahanga | Iminsi 15 |
| Impushya zose zijyanye no gukoresha ibikoresho bijyanye n'imyuka ihumanya | Iminsi 30 |

### Impushya zerekeye urwego rw'ubwikorezi:

| | |
|---|---|
| Impushya zose zijyanye n'ubwikorezi bw'ibintu | Iminsi 20 |
| Impushya zose zijyanye n'inzira zo mu mazi | Iminsi 20 |
| Impushya zose zijyanye no gutwara abantu | Iminsi 30 |
| Uruhushya rwo gushinga ishuri ryigisha gutwara ibinyabiziga | Iminsi 30 |

### Impushya zijyanye na serivisi z'iposita n'ubucuruzi bukorerwa kuri murandasi:

| | |
|---|---|
| Impushya zose zerekeye serivisi z'iposita | Iminsi 30 |

### Impushya zo gutanga serivisi zereye imyanda ikomoka ku ikoranabuhanga:

| | |
|---|---|
| Impushya zose zijyanye na serivisi zerekeye imyanda ikomoka ku ikoranabuhanga | Iminsi 15 |

Ukeneye ibindi bisobanura bijyanye na serivisi zavuzwe haruguru, ibisabwa ndetse n'ikiguzi, watwandikira kuri imeli yacu ya osc.rura@rdb.rw

## Serivisi za OSC: Impushya zo gukoresha amazi

Urwego rushinzwe Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda (RWB) rwashyizweho n'Itegeko N° 71/2019 ruhabwa inshingano yo gucunga no guteza imbere umutungo Kamere w'amazi mu gihugu, harimo amazi yo hejuru ku butaka n'ayo munsi yabwo.

RWB igenzura ko umutungo Kamere w'amazi mu Rwanda ucunzwe kandi ukoreshwa uko bikwiye, hagamijwe iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza, kurengera ibidukikije no kugenzura ko amazi meza agera kuri bose. Mu nshingano uru rwego rufite harimo igenamigambi, guteza imbere, no gucunga neza umutungo Kamere w'amazi ndetse no gushyiraho amabwiriza no kugenzura ko amazi akoreshwa neza kandi ameze neza.

### Serivisi zitangwa n'uru rwego:

**Serivisi zo gutanga impushya:**

| | |
|---|---|
| Uruhushya rwo gukoresha amazi | Rutangwa mu minsi 30 |

Ukeneye ibindi bisobanura bijyanye na serivisi zavuzwe haruguru, ibisabwa ndetse n'ikiguzi, watwandikira kuri imeli yacu ya osc.rwb@rdb.rw




# Serivisi zitangirwa ahantu hamwe muri RDB zemewe ku rwego mpuzamahanga (ISO)

ISO 9001:2015 QMS ni ibipimo mpuzamahanga bigaragaza ibisabwa kugira ngo hashyirweho uburyo bwo kugenzura ubuziranenge (QMS). Ibigo bikoresha ibipimo mu kwerekana ubushobozi bwabyo bwo kugeza ku babagana ibicuruzwa na serivisi zijyanye n'ibipimo by'ubuziranenge byagenwe.

Serivisi zitangirwa ahantu hamwe muri RDB zujuje ibipimo by'ubuziranenge byagenwe kandi ziremewe. Ibi bituma abagana uru rwego ndetse n'abafatanyabikorwa bayo bagira ikizere ko serivisi zitangwa n'uru rwego zujuje ibipimo by'ubuziranenge byagenwe ku rwego mpuzamahanga mu mirimo yayo yose.

Ubuyobozi bwa RDB buzakomeza kugenzura ko amakuru yerekeye ibi bipimo agera ku bayakeneye, yumvikana neza, kandi ko ibi bipimo byubahirizwa uko bikwiye na buri mukozi wayo mu nshingano ze mu rwego rwo kugira ngo uru rwego rurusheho gutera imbere.

Kubera iyo mpamvu, buri mukozi wese, harimo n'abakozi bashinzwe gutanga serivisi zitangirwa ahantu hamwe arasabwa gukomeza kugeza ku babagana n'abafatanyabikorwa ibicuruzwa na serivisi zujuje cyangwa zinarengeje ibipimo by'ubuziranenge nkuko babyifuza.

RDB yiyemeje gutanga ibisubizo binoze ku bucuruzi no guteza imbere ishoramari riharanira guhanga imirimo mu Rwanda no kugira uruhare mu iterambere ry'ubukungu bw'igihugu.

# INVEST IN RWANDA

Amasaha y'akazi kuri serivisi zitangirwa ahantu hamwe mu Rwego rw'Igihugu Rushinzwe Iterambere:

**Ku wa mbere - ku wa gatanu**
**9:00 a.m. - 5:00 p.m.**

Izi serivisi zitangirwa ahantu hamwe ziboneka kandi kuri murandasi, unyuze kuri RDB ku idirishya ry'ahatangirwa serivisi zitangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga aha hakurikira:

www.rdb.rw/e-services/

Ubaye ufite ikibazo cyangwa inyunganizi, wabinyuza aha hakurikira:

**Tel: 1415**
**Tel (Mpuzamahanga): (+250) 727775170**
**Imeli:** osc.feedback@rdb.rw

RDB | RWANDA DEVELOPMENT BOARD